

ITEKA RYA MINISITIRI N°001/16.01 RYO MINISTERIAL ORDER N°001/16.01 OF ARRETE MINISTERIEL N°001/16.01 DU
KUWA 26/04/2010 RIGENA UBURYO 26/04/2010 DETERMINING THE 26/04/2010 PORTANT MODALITES DE
ISARANGANYA RY'AMASAMBU MODALITIES OF LAND SHARING PARTAGE DES PROPRIETES FONCIERES
RIKORWA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri Teka rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier: Objectif du présent arrêté</u>
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions of terms</u>	<u>Article 2: Définitions des termes</u>
<u>Ingingo ya 3: Abarebwa n'isaranganya ry'amasambu riteganijwe n'iri teka</u>	<u>Article 3: Persons entitled to land sharing under this Order</u>	<u>Article 3: Personnes concernées par le partage des propriétés foncières prévu par le présent arrêté</u>
<u>Ingingo ya 4: Ibisabwa kugira ngo habe isaranganya ry'ubutaka</u>	<u>Article 4: Requirements for land sharing</u>	<u>Article 4: Conditions préalables pour le partage de la propriété foncière</u>
<u>UMUTWE WA II: UBURYO ISARANGANYA RY'AMASAMBU RIKORWA</u>	<u>CHAPTER II: MODALITIES OF LAND SHARING</u>	<u>CHAPITRE II: MODALITES DE PARTAGE DES PROPRIETES FONCIERES</u>
<u>Ingingo ya 5 : Urwego rubifitiye ububasha.</u>	<u>Article 5 : Competent Authority.</u>	<u>Article 5: Instance compétente.</u>
<u>Ingingo ya 6 : Gusaba ko isaranganya rikorwa</u>	<u>Article 6: Application for land sharing</u>	<u>Article 6 : Demande de partage de propriété foncière</u>
<u>Ingingo ya 7: Ibyerekeye urutonde rw'abasaba gusaranganya</u>	<u>Article 7: List of applicants for land sharing</u>	<u>Article 7 : Liste des requérants du partage</u>
<u>Ingingo ya 8 : Kugabana isambu</u>	<u>Article 8: Land subdivision</u>	<u>Article 8 : Division de propriété foncière à partager</u>
<u>Ingingo ya 9: Inyandikomvugo y'isaranganya</u>	<u>Article 9: Minutes of the land sharing proceedings</u>	<u>Article 9: Procès verbal de partage foncier</u>

<u>Ingingo ya 10:</u> Iyo isaranganya rirangiye	<u>Article 10:</u> After sharing	<u>Article 10:</u> Après partage
<u>Ingingo ya 11:</u> Iyandikisha ry'isambu yasaranganijwe	<u>Article 11:</u> Registration of shared land	<u>Article 11:</u> Enregistrement de la propriété partagée
<u>UMUTWE WA III : IBYEREKEYE INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE III : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 12:</u> Igihe isaranganya rizarangirira	<u>Article 12:</u> Completion of land sharing	<u>Article 12:</u> Période du partage de propriété foncière.
<u>Ingingo ya 13 :</u> Isaranganya ryakozwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 13:</u> Prior sharing to commencement of this Order	<u>Article 13:</u> Partage antérieur à la mise en vigueur du présent arrêté
<u>Ingingo 14:</u> Gukemura impaka	<u>Article 14:</u> Settlement of disputes	<u>Article 14 :</u> Résolution des conflits
<u>Ingingo ya 15 :</u> Ibyerekeye indishyi	<u>Article 15:</u> Compensation	<u>Article 15 :</u> Des dommages et intérêts
<u>Ingingo ya 16:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 16:</u> Repealing provision	<u>Article 16 :</u> Dispositions abrogatoires
<u>Ingingo ya 17:</u> Igihe iteke ritangira gukurikizwa	<u>Article 17:</u> Commencement	<u>Article 17 :</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°001/16.01 RYO KUWA 26/04/201 RIGENA UBURYO ISARANGANYA RY'AMASAMBU RIKORWA

MINISTERIAL ORDER N°001/16.01 OF 26/04/2010 THE MODALITIES OF LAND SHARING

ARRETE MINISTERIEL N°001/16.01 DU 26/04/2010 PORTANT MODALITES DE PARTAGE DES PROPRIETES FONCIERES

Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka,

The Minister of Lands and Environment,

Le Ministre de l'Environnement et des Terres,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika yu Rwanda ryo kuwa 04 kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11, iya 29, iya 30, iya 31, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June , 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 29, 30, 31, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 29, 30, 31, 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga No 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, 7, 20 n'ya 87 ;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda, especially in Articles 3, 7, 20 and 87;

Vu la Loi Organique no 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en ses articles 3, 7, 20 et 87 ;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 01/04/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza,

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 01/04/2010,

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 01/04/2010,

YEMEJE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri Teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objectif du présent arrêté

Iri teka rigena uburyo isaranganya ry'amasambu rikorwa.

This Order determines the modalities of land sharing.

Le présent arrêté établit les modalités de partage des propriétés foncières.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

For the purpose of this Order, the following terms shall mean:

Aux termes du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes :

Official Gazette n°19 of 10/05/2010

1° isambu isaranganywa: ubutaka bugenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 87 y'Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'umicungire y'ubutaka mu Rwanda;

2° ibikorwa: ibikorwa biri mu isambu isaranganywa ari byo amazu, ibiraro, ibyuzi by'amafi n'ibikorwa by'ubworozi;

3° kwandikisha ubutaka bwa mbere: inzira zinyurwamo kugira ngo umuntu ahabwe icyemezo cyo kwandikisha ubutaka bwa mbere nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri n° 002/2008 ryo kuwa 01/04/2008 rigena uburyo iyandikishwa ry'ubutaka rikorwa.

Ingingo ya 3: Abarebwa n'isaranganya ry'amasambu riteganijwe n'iri teka

Isaranganya riteganijwe n'iri teka rikorwa hagati y'uwavukijwe uburenganzira ku butaka yari atunze mbere yo guhunga kubera impamvu za politiki mu bihe bitandukanye byashize kugeza mu 1994 n'utunze icyo sambu ubu.

Ingingo ya 4: Ibisabwa kugira ngo habe isaranganya ry'ubutaka

Umuntu usaba gusaranganya isambu agomba kuba nta yindi sambu afite yahawe mu buryo bw'isaranganya cyangwa yahawe na Leta mu rwego rwo gutuzwa.

1° land to be shared: land designated for agriculture as provided for in Article 87 of the Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda;

2° structures: developments on the land to be shared and these are buildings, kraals, fish ponds and other animal rearing activities;

3° first registration of land: process taken to have a piece of land registered for the first time as provided for by the Ministerial Order n° 002/2008 of 01/04/2008 determining the modalities of land registration.

Article 3: Persons entitled to land sharing under this Order

The sharing set forth in this Order shall be applicable to any person who was denied of his right to land they used to own before fleeing into exile due to political reasons during the various periods up to 1994, and the current holder (s) of that land.

Article 4: Requirements for land sharing

The applicant for land sharing shall have no other land, either received through land sharing or through national resettlement programme.

1° propriété foncière à partager : terres destinées à l'agriculture ou élevage comme prescrit dans l'article 87 de la Loi Organique n°08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda ;

2° infrastructures : toutes les installations qui se trouvent sur les terres à partager entre autre les bâtiments, les étables, les étangs de poissons et autres activités d'élevage ;

3° premier enregistrement des terres : processus d'obtention, pour la première fois, du document foncier comme prévus par l'arrêté ministériel n°002/2008 du 01/01/2008 concernant les modalités d'enregistrement des terres.

Article 3: Personnes concernées par le partage des propriétés foncières prévu par le présent arrêté

Le partage des propriétés foncières prévu par le présent arrêté se fait entre une personne qui a été lésée de son droit sur propriété foncière avant de se réfugier suite aux raisons politiques durant les différentes époques antérieures, jusqu'en 1994, et l'occupant actuel de cette propriété foncière.

Article 4: Conditions préalables pour le partage de la propriété foncière

La personne qui demande le partage de propriété foncière doit ne pas être en possession d'autre propriété foncière, soit acquise dans le cadre du partage de terre ou lors du programme national de réinstallation.

Official Gazette n°19 of 10/05/2010

Isambu isabwa gusaranganywa igomba kuba iramutse igabanijwe abasaranganya, buri wese yabona ubutaka butari muni ya hegitari imwe (1).

Igihe isambu isaba gusaranganya itujuje ibivugwa mu gika kibanziriza iki, abavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka bashakirwa ubundi butaka hakurikijwe ubundi buryo buvugwa mu ngingo ya 87 y'Itegeko Ngenga n°08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda.

Isambu isaranganywa igomba kuba itariho ibikorwa bifite inyungu rusange bifitwe n'inzezo za Leta.

Iyo iyo sambu irimo ibikorwa by'inyungu rusange bifitwe n'inzezo za Leta, uwavukijwe uburenganzira ahabwa ingurane y'amafaranga cyangwa ubundi butaka n'urwego rwa Leta rukoresha iyo sambu.

UMUTWE WA II: UBURYO ISARANGANYA RY'AMASAMBU RIKORWA

Ingingo ya 5 : Urwego rubifitiye ububasha.

Isaranganywa ry'amasambu ryemezwa na Komite y'Ubutaka ku rwego rw'Umurenge ibifashijwemo na Komite y'Ubutaka ku rwego rw'Akagari nyuma yo kwumva icyo abaturage batuye ako Kagali babivugaho. Komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge itanga raporo ku Muyobozi wa Komisiyo y'Ubutaka mu Karere isambu iherereyemo.

Land to be shared should be enough so that when subdivided each party gets land which is not less than one (1) hectare.

In case the land that is subject to sharing does not meet the criterion in the paragraph above, persons denied of their rights to such land will be allocated other land through other mechanisms provided for in Article 87 of Organic Law n°08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda.

Land on which there are public facilities and are held by public institutions shall not be subject to sharing.

If the land concerned accommodates public facilities which are held by public institutions, the deprived person is compensated in monetary form or with alternative land by the institution using the property.

CHAPTER II: MODALITIES OF LAND SHARING

Article 5: Competent Authority.

Land sharing shall be approved by the Land Committee at Sector level in collaboration with the Land Committee at the Cell level upon hearing the views of the Cell residents. The Land Committee at sector level reports to the Chairperson of the Land Commission at the District level within which the concern land is located.

La propriété foncière à partager doit être tel que, à la fin du partage, chaque partie reçoive un lopin de terre ayant au moins un (1) hectare.

Lorsque la propriété foncière à partager ne remplit pas la condition prévue à l'alinéa précédent, les personnes privées de leurs droits sur la propriété foncière bénéficient d'autres propriétés foncières suivant les autres moyens prévus par l'article 87 de la Loi Organique n°08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda.

Les terres abritant des activités d'utilité publique gérées par les instances publiques ne sont pas concernées par le partage.

Lorsque la terre concernée abrite les activités d'utilité publique gérées par les instances publiques, la personne lésée est indemnisée en espèce ou en échange d'autre terre par l'instance publique utilisant cette terre.

CHAPITRE II: MODALITES DE PARTAGE DES PROPRIETES FONCIERES

Article 5: Instance compétente.

Le partage des propriétés foncières est approuvé par le Comité Foncier au niveau du Secteur en collaboration avec le Comité Foncier au niveau de la Cellule après concertation avec les habitants de la Cellule. Le Comité Foncier au niveau du Secteur donne le rapport au Président de la Commission Foncière au niveau du District où se trouve cette propriété foncière.

Ingingo ya 6 : Gusaba ko isaranganya rikorwa

Umuntu usaba ko isaranganya rikorwa yandikira Umukuru w'Iburo by'Ubutaka mu Karere akagera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge n'uw'Akagari isambu iherereyemo.

Usaba gusaranganya agaragaza muri iyo nyandiko ikigereranyo cy'isambu asaba ko isaranganywa ndetse n'abayitunze iyo abizi.

Usaba gusaranganya agaragaza kandi abagabo cyangwa ibimenyetso byerekana ko isambu asabira gusaranganya yari ayitunze mbere yo guhunga.

Ingingo ya 7: Ibyerekeye urutonde rw'abasaba gusaranganya

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge akora urutonde rw'abantu basaba gusaranganya hamwe n'amasambu asabirwa isaranganya rumanikwa ku Biro by'Umurenge no ku Biro by'Akagari izo sambu zihereyemo mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uherye umunsi rwamanikiweho, kugira ngo abafite impamvu zatuma isaranganya ritakorwa bazitange. Urutonde rw'abasaba isaranganya rumanikwa mu minsi irindwi (7) uherye ku munsi bashyikirije inyandiko zabo ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge.

Ufite impamvu zatambamira isaranganya azigaragaza mu nyandiko ageza ku

Article 6: Application for land sharing

The party seeking land sharing writes an application letter to the District Land Officer, providing a copy to the Executive Secretary of Sector and Cell in which the land is located.

The applicant indicates in the letter the approximate size of the land that is subject to sharing and the current holders if they are known.

The applicant also provides witnesses or evidence that attest to the fact that he/she was the owner of the land in question before being exiled.

Article 7: List of applicants for land sharing

The sector Executive Secretary compiles a list of applicants for land sharing as well as that for lands that are subject to sharing, and posts it at the Office of the Sector and Cell in which the concerned lands are located for a period of sixty (60) days to allow anyone having objections to the sharing to bring them forward in time. All applications shall be posted within seven (7) days after reception by the Sector Executive Secretary.

Anyone with reasons to object to the sharing shall indicate them in a letter addressed to the Sector

Article 6 : Demande de partage de propriété foncière

La partie demandant le partage de propriété foncière le fait par une lettre adressée au Chef du Bureau Foncier et réserve une copie au Secrétaire Exécutif du Secteur et de la Cellule où se trouve la propriété foncière.

La partie demanderesse mentionne dans la lettre l'étendue approximative de la propriété foncière à partager et les occupants actuels si elle en a connaissance.

La partie demanderesse spécifie aussi les témoins potentiels ou toute autre preuve attestant l'occupation de la propriété foncière avant l'exil.

Article 7 : Liste des requérants du partage

Le Secrétaire Exécutif dresse une liste des personnes demandant le partage des propriétés foncières ainsi que les propriétés concernées et l'affiche au bureau du Secteur et de la Cellule où sont localisées les propriétés foncières concernées durant une période de soixante (60) jours pour permettre quiconque de faire objection sur le partage. Toutes les demandes de partage de propriété foncière sont affichées endéans sept (7) jours de leur réception par le Secrétaire Exécutif du Secteur.

Quiconque ayant les raisons d'empêcher le partage les adresse dans une lettre soumise au

Official Gazette n°19 of 10/05/2010

Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge akagera Kopi Umukuru w'Iburo by'Ubutaka mu Karere n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari isambu ihereyemo.

Mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15), Komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge itumijwe na Perezida wayo, isuzuma impamvu zatanze izigejweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wakiriye. Komite y'Ubutaka ku rwego rw'Umurenge ifata imyanzuro ku mpamvu zatanze kandi ikayitanga mu nyandiko.

Iyo uwatanze impamvu atanyuzwe n'igisubizo ahawe na Komite y'Ubutaka ku rwego rw'Umurenge, yandikira Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva umunsi aboneyeho igisubizo cyanditse.

Iyo nta mpamvu itambamira isaranganya yatanze isaranganya rikorwa hakurikijwe ibiteganijwe n'ingingo ya 8 y'iri Teka.

Ingingo ya 8 : Kugabana isambu

Abasaranganya bagabanyamo kabiri isambu ku buryo bungana; usanzwe atuye muri iyo sambu agahitamo mbere.

Iyo abakoresha isambu barenze umwe, uwahoze atunze isambu mbere y'uko ahunga n'abayikoresha baragabana bakaringaniza.

Executive Secretary, and provides a copy to the District Land Officer and the Executive Secretary of the Cell in which the land in question is located.

Within 15 days, the Sector Land Committee, on invitation by its Chairperson, examines the objection reasons, as forwarded by the Sector Executive Secretary who received them. The Sector Land Committee then pronounces itself on the reasons provided and makes written resolutions on the matter.

If the objector is not satisfied with the Sector Land Committee decision, he/she can appeal, in writing, to the District Land Commission within fifteen (15) days from the day they received that decision.

If no objection to the sharing is lodged, the sharing proceeds as provided for in Article 8 of this Order.

Article 8: Land subdivision

The land to be shared is divided equally amongst the co-sharers, with the current occupant being the first to choose which portion he/she prefer.

When there are multiple holders of the land to be shared, the party that owned the land before being exiled together with the current holders takes equal shares of the land.

Secrétaire Exécutif du Secteur et réserve une copie au Chef du Bureau Foncier au niveau du District et le Secrétaire Exécutif de la Cellule où se trouve la propriété foncière concernée.

Le Comité Foncier au niveau du Secteur, endéans quinze (15) jours, sous l'invitation de son Président, examine les objections, qui lui sont soumises par le Secrétaire Exécutif du Secteur. Le Comité Foncier au niveau du Secteur prend les décisions sur les objections présentées et les communique par écrit.

Lorsque la personne qui a présenté ses objections n'est pas satisfaite des décisions prises par le Comité Foncier au niveau du Secteur, elle peut faire recours, par écrit, à la Commission Foncière au niveau du District endéans quinze (15) jours dès la réception de la réponse écrite.

Lorsqu'il n'y a pas des réclamations, le partage de la propriété foncière se fait selon les procédures détaillées dans l'article 8 du présent arrêté.

Article 8 : Division de propriété foncière à partager

Une propriété foncière à partager est divisée équitablement en des parts égales et l'occupant actuel choisit sa part en premier.

Lorsqu'il y a plusieurs occupants sur la propriété foncière à partager, la personne qui l'occupait avant l'exil et les occupants actuels partagent propriété concernée à parts égales.

Official Gazette n°19 of 10/05/2010

Iyo inyubako n'ibikorwa by'usaba gusaranganya bikiri mu isambu, usaba gusaranganya, afata igice cy'isambu inyubako n'ibikorwa biherereyemo.

In case where buildings and activities belonging to the person applying for sharing are still existent on the land to be shared, that applicant shall take the part of the land where such buildings and activities are located.

Lorsque les bâtiments et autres activités qui appartenaient à l'occupant exilé se trouvent encore dans la propriété à partager, cette personne occupe la partie où se trouvent ces bâtiments et activités.

Iyo inyubako n'ibikorwa by'usaba gusaranganya asanze bikiri mu isambu bifitwe n'umuntu wabihawe n'inzege za Leta zibifitiye ububasha, kandi uwabihawe hari ibindi yongeyeho; icyo gihe:

In case where buildings and activities belonging to the land sharing applicant are still existent, and are proven to have been allocated by a competent authority to the current user who subsequently made further improvements on them, the following shall apply:

Lorsque les bâtiments et autres activités qui appartenaient à l'occupant exilé se trouvent encore dans la propriété à partager et qu'ils ont été octroyés par une autorité compétente à une autre personne qui en a fait des améliorations :

1° Ibyakozwe na buri ruhande birabarwa;

1° an assessment of the value of what was contributed to the development by each party shall be made;

1° il est procédé à l'évaluation de la contribution à l'investissement fait par chaque partie ;

2° uruhande rwashyizeho ibifite agaciro kanini kurusha urundi nirwa ruhabwa uburenganzira bwo gufata igice cy'isambu giherereyemo inyubako n'ibindi bikorwa;

2° whoever of the two parties will have contributed a higher value to the development will be given priority to take the part of land where such buildings or developments are located;

2° la partie ayant une grande contribution est prioritaire quant à la portion de la terre où se trouvent ces bâtiments et/ou autres activités ;

3° Uruhande rwahawe inyubako cyangwa ibindi bikorwa rutanga ingurane y'amafaranga y'ibyabazwe ko byakozwe n'urundi ruhande.

3° The party taking the building or development shall compensate the other party for whatever will have been assessed as their contribution to the building or activities.

3° Il est procédé à l'indemnisation en espèces entre les deux parties quant aux bâtiments et activités de chaque partie.

Iyo usaba gusaranganya yasize ishyamba akarisanga, abasaranganya bahagabanyamo kabiri usanzwe utuye muri iyo isambu agahitamo mbere.

Where the land sharing applicant had left a forest on the land and, on return, found it still existent, the forest shall be subdivided and shared equally by both parties, with the current occupant being the first to choose the portion he/she prefers.

Lorsque dans la propriété foncière à partager se trouve une forêt laissée par l'occupant exilé, la forêt sera divisée en deux parts égales et l'occupant actuel choisit en premier.

Abasaranganjwe bagomba gukoresha ubutaka basaranganjwe nta kubangamirana.

The co-sharers shall utilise the land shared in a manner that does not inconvenience each other.

Les parties ayant partagé une propriété foncière en jouissent paisiblement.

Umuntu ufite isambu ye bwite akaba kandi atunze

Where current occupant has another piece of land

Lorsque l'occupant actuel dispose d'une autre

Official Gazette n°19 of 10/05/2010

ubutaka burebwa n'isaranganya, asubiza ubutaka bwose burebwa n'isaranganya akagumana ubwose gusa.

Iyo yahuje isambu ye n'isambu isaranganywa akazikoresha zose hamwe mu gihe cy'isaranganya bagabana ya sambu izibumbye bakaringaniza.

Ubutaka busaranganjwe n'ibwemewe kugurishwa mbere y'uko bwandikwa mu iyandikisha ry'ubutaka rya mbere ritaganywa n'itegeko.

Ingingo ya 9: Inyandikomvugo y'isaranganya

Isaranganya ry'isambu rikorerwa inyandikomvugo hamaze kwerekana imbibi zo kugabana. Iyo nyandikomvugo ikorwa kandi igashyirwaho umukono na Komite y'Ubutaka ku rwego rw'Umurenge ifatanije na Komite y'Ubutaka ku rwego rw'akagari. Abasaranganjwe nabo bashyira imikono yabo kuri iyo nyandikomvugo y'isaranganya.

Umunyamabanga Nshyingwabikorwa w'Umurenge isambu isaranganywa ihereyemo ashya umukono we na kashi y'umurenge ku nyandikomvugo y'isaranganya abyemeza.

Buri ruhanda rurebwa n'isaranganya ruhabwa kopi y'Inyandikomvugo y'isaranganya. Umunyamabanga Nshyingwabikorwa w'umurenge ageza Kopi y'inyandikomvugo y'isaranganya ku Mukuru w'ibiro by'ubutaka mu Karere.

Isaranganya ryose rikorerwa mu izina ry'umuryango, iyo usaba gusaranganya atarageza

different from the land for sharing, he/she return entire that land for sharing and remain with his/her own piece of land.

Where the occupant amalgamated their own piece of land with that subjected to sharing, the sharing shall be in such a way that the amalgamated piece will be divided equally between the co-sharers.

Land that has been acquired through sharing shall not be sold until it is registered as provided for by the law.

Article 9: Minutes of the land sharing proceedings

Minutes shall be prepared for land sharing proceedings once the demarcations for the subdivisions have been fixed. The minutes shall be prepared and signed by the Sector Land Committee in conjunction with Cell land Committee. The co-sharers also shall sign the minutes.

The Executive Secretary of the Sector in which the land shared is located also shall sign the minutes and add the sector stamp confirming the sharing.

All parties to the land sharing receive a copy of the minutes. The Sector Executive Secretary also gives a copy of the minutes to the District Land Officer.

All land sharing is undertaken on behalf of the family. Where the applicant for land sharing is still

propriété foncière, la propriété à partager est cédée en entier à la partie demandant le partage.

Lorsque l'occupant actuel a combiné sa propriété foncière avec la propriété foncière à partager, le partage se fait en divisant équitablement cette combinaison à parts égales.

Les propriétés foncières acquises lors du partage ne sont pas autorisées d'être vendues avant le premier enregistrement prévu par la loi.

Article 9: Procès verbal de partage foncier

Le partage de la propriété foncière est sanctionné par un procès verbal à la fin de la détermination de nouvelles limites du partage. Le procès verbal est préparé et signé par le Comité Foncier au niveau du Secteur en collaboration avec le Comité Foncier au niveau de la cellule. Les bénéficiaires du partage contresignent aussi sur le procès verbal.

Le Secrétaire Exécutif de secteur où se trouve la propriété partagée signe et pose le cachet du Secteur pour la confirmation du partage.

Les bénéficiaires du partage reçoivent les copies du procès verbal de partage. Le Secrétaire Exécutif du Secteur réserve une copie au chef du Bureau Foncier au niveau du District.

Le partage se fait au nom de la famille. Dans le cas où la personne demandeur du partage n'a

ku myaka y'ubukure, isaranganya ryandikwa ku muryango akomokamo.

Ingingo ya 10: Iyo isaranganya rirangiye

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) iyo Umukuru w'Iburo by'Ubutaka mu Karere asanze isaranganya ryarakozwe nabi, yandikira Komite y'ubutaka ku rwego rw'umurenge n'abarebwa n'isaranganya agaragaza impamvu iryo saranganya ryakozwe nabi akanasaba Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere gukemura icyo kibazo mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30)

Iyo umwe mu basaranganijwe atishimiye uko isaranganya ryakozwe, yandikira Perezida wa Komisiyo y'Ubutaka mu Karere mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere icyemura ikibazo yagejeweho mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30).

Mu gihe isaranganya ryagenze neza, Umukuru w'Iburo by'Ubutaka mu Karere atanga icyemezo kigaragaza nyir'uburenganzira ku butaka ashingiye ku nyandikomvugo y'isaranganya akagera Kopi Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka.

Ingingo ya 11: Iyandikisha ry'amasambu yasaranganijwe

Iyandikisha ry'amasambu yasaranganijwe rikorwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'iyandikisha ry'amasambu.

Icyemezo kivugwa mu ngingo ya 10, igika cya

a minor, the shared land is recorded in the names of his/her family.

Article 10: After sharing

If, within 15 days of the sharing, the District Land Officer finds irregularities in the sharing, He/she shall write to the Sector Land Committee as well as the parties to the sharing, spelling out the evidence of the irregularities and shall ask the District Land Commission to address this issue within 30 days.

If one of the parties to the sharing is not satisfied with the sharing process, they can appeal, in writing, to the Chairperson of the District Land Commission within fifteen days (15) days. The District Land Commission shall resolve any such appeal within a period of 30 days.

Where the land sharing decisions are not in dispute, the District Land Officer issues a certificate attesting who has rights to the land based on the minutes of the land sharing proceedings, with a copy of the certificate being sent to the Registrar of Land Titles.

Article 11: Registration of shared land

The registration of shared lands is done in accordance with the modalities usually applied to land registration.

The certificate mentioned in Article 10, paragraph

pas atteint la majorité, le partage est inscrit au nom de sa famille.

Article 10: Après le partage

Si, endéans quinze (15) jours le Chef du Bureau Foncier au niveau du district remarque des irrégularités dans le partage, il les annonce dans une lettre adressée au Comité Foncier au niveau de Secteur et aux parties concernées par le partage et demande à la Commission Foncière au niveau du District de résoudre ce problème dans un délai de trente (30) jours.

Lorsque l'une des parties bénéficiaires du partage n'est pas satisfaite du processus de partage, elle fait recours, par écrit, au Président de la Commission Foncière au niveau District dans quinze (15) jours. La Commission foncière au niveau du District résout ce problème dans un délai de trente (30) jours

Quand il n'y a pas d'appel, le Chef du Bureau Foncier niveau du District délivre un certificat propriété foncière en se référant au procès verbal de partage et réserve une copie au Conservateur des Titres Fonciers.

Article 11 : Enregistrement de la propriété partagée

Enregistrement de la propriété foncière partagée se fait suivant les modalités d'enregistrement des terres.

Le certificat mentionné dans l'article 10 alinéa 3

gatatu cyifashishishwa mu kugaragaza inkomoko y'ubutaka mu gihe cyo kwandikisha ubutaka bwa mbere.

UMUTWE WA III : IBYEREKEYE INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 12: Gihe isaranganya rizarangirira

Isaranganya ry'amasambu riteganijwe n'iri teka rikorwa kugeza igihe igikorwa cyo kwandikisha ubutaka ku nshuro ya mbere mu Rwanda kirangiriye.

Nyuma y'icyo gihe, abazaba bujuje ibisabwa abasaba isaranganya bakaba batarasanganijwe kubere impamvu nko kuba batari mu gihugu mu gihe giteganywa n'iri teka, bashobora gusaba ingurane k'urwego rw'Akarere ubutaka bwabo bwari buherereyemo. Urwego rw'Akarere rubashakira ubundi butaka.

Ingingo ya 13 : Isaranganya ryakozwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ryemera uburyo isaranganya ryakozwemo kuva ku itariki ya 15 Nzeri 2005 igihe Itegeko Ngenga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda ryatangarijwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda kugeza igihe iri teka rizatangira gukurikizwa.

three, is used to certify the land ownership during first registration of the land in question.

CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 12: Completion of land sharing

The land sharing provided for by this Order shall continue until first registration of land in the country is complete.

After that period, those that fall within the category that could have qualified for land sharing but did not, because of reasons such as not being in the country during the land sharing period, may seek compensation from the District where the land they have claim over is located. District authority will allocate to them an alternative land.

Article 13: Prior sharing to commencement of this Order

This Order recognises the modalities of land sharing activities that were conducted from the 15th of September 2005, the date of the publication of the Organic Law determining the use and management of land in Rwanda in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, until the date of the publication of this Order.

est utilisé pour attester l'origine des droits sur cette propriété foncière.

CHAPITRE III : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 12: Période du partage de propriété foncière.

Le partage de propriété foncière prévu dans le présent arrêté est exercé jusqu'à la fin de l'exercice de premier enregistrement des terres au Rwanda.

Après cette période, les personnes qui seront qualifiées pour le partage et n'ont pas pu en bénéficier notamment pour des raisons d'être à l'extérieur du pays pendant la période de partage de terres, peuvent demander d'être indemnisées aux autorités du District où se trouvaient leurs terres. Les autorités du District leur trouvent d'autres propriétés.

Article 13: Partage antérieur à la mise en vigueur du présent arrêté

Le présent arrêté reconnaît les modalités de partage des propriétés foncières pratiqués à partir du 15 septembre 2005, la date de la publication de la loi organique portant régime foncier au Rwanda dans le Journal Officiel de la République du Rwanda jusqu'au jour de la publication du présent arrêté.

Ingingo 14: Gukemura impaka

Impaka zose zivutse kubera isaranganya ry'amasambu zikemurwa ku rwego rwa mbere na Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere iyo sambu iherereyemo. Iyo impaka zidakemutse, zishyikirizwa Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Igihugu. Iyo zidakemutse, zishyikirizwa inkiko zibifitiye ububasha mu Gihugu.

Ingingo ya 15 :Ibyerekeye indishyi

Isaranganya ry'amasambu rivugwa muri iri Teka ntiritangirwa indishyi.

Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri Teka kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 17: Igihe iteke ritangira gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 14: Settlement of disputes

Disputes that arise due land sharing shall be settled at first degree by the Land commission at the District where the land is located. In case the disputes are not resolved, they shall be referred to the Land Commission at national level. In case they are not resolved, they shall be referred to national courts.

Article 15: Compensation

There shall be no compensation for the land shared under this Order.

Article 16: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 17: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 14 : Résolution des conflits

Tout conflit relatif au partage de propriété foncière est résolu, au premier degré, par la Commission Foncière au niveau du District où se trouve la propriété concernée. Dans le cas de non-accord, le conflit est déféré à la Commission Foncière au niveau National. Si la partie plaignante n'est pas satisfaite, le conflit déféré aux juridictions nationales compétentes.

Article 15 : Des dommages et intérêts

Il n'y a pas des dommages et intérêts pour les propriétés foncières définies dans cet arrêté.

Article 16 : Dispositions abrogatoires

Toutes les dispositions réglementaires antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 17 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 26/04/2010

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minisitiri w' Ibdukikije n' Ubutaka

Kigali on 26/04/2010

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minister of Environment and Lands

Kigali, le 26/04/2010

(sé)

KAMANZI Stanislas
Ministre de l'Environnement et des Terres

Official Gazette n° 19 of 10/05/2010

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux